REPUBULIKA Y'U RWANDA

Kigali, .....20 MARS 2009....

N° 1814/09/10/MIN

MINISITERI Y'IMARI N'IGENAMIGAMBI
B.P. 158 Kigali
Tel: +250-577994 Fax: +250-577581
E-mail : mfin@rwanda1.com

**Madamu / Bwana Umuyobozi Mukuru Ushinzwe Gucunga Ingengo y'Imari ya Leta (Bose)**

**Impamvu: Kumenya neza ibigize isoko rigiye gutangazwa n'ibiciro nyakuri biri ku isoko**

Madamu /Bwana Umuyobozi,

Nshingiye ku cyemezo cy'Inama y'Abaminisitiri yo ku wa 04 Werurwe 2009 gisaba abakozi ba Leta bose gukoresha neza umutungo w'Igihugu, bakirinda kwaya, gupfusha ubusa, kugura ibidakenewe cyangwa gutuma Leta ihendwa, musabwe kuzajya mwitwararika ibi bikurikira mu micungire y'amasoko ya Leta:

I. Kumenya neza imiterere y'ibikoresho, serivisi cyangwa imirimo bya ngombwa kugira ngo hadatangwa isoko ry'ibidakenewe;

II. Gukora ubushakashatsi ku biciro binyuranye biriho ku isoko rigiye gutangwa n'igereranya ryabyo, kugira ngo rigenderweho mu gufata icyemezo cyo gutanga isoko k'uwujuje ibisabwa kandi uhendutse.

III. Ubushakashatsi k'ubiciro bugomba kuba bwarakozwe mbere y'isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa kandi rigakorerwa inyadikomvugo yemezwa n'Abagize Akanama gashyinzwe amasoko kuri buri rwego;

IV. Inyandikomvugo y'ubushakashatsi ku ibiciro ikurikizwa mu gihe cy'isesengura ry'ibiciro byatanzwe n'abapiganiye isoko;

V. Gushyira buri gihe iyo nyandikomvugo, mu mpapuro ziherekeza inyemezabuguzi yishyuza ibikoresho byagemuwe, serivisi yatanzwe cyangwa imirimo yakozwe.

Mugire amahoro,

**James Musoni**
**Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi**

**Bimenyeshejwe :**

- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda
- Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe
- Madame/Bwana Minisitiri (Bose)
- Madamu/Bwana Umunyamabanga wa Leta (Bose)
- Bwana Guverineri w'Intara ( Bose)